# 59: Nimuze, mwa ndushyi mwe

1. Nimuze, mwa ndushyi mwe mwese,Muremerewe, murembye. Yes' aje kubasanganira N'ubuntu bwe n'urukundo Mwese, nimuze ! Muze, mwese ! Mumwitab' arabifuza !

2. Nubw’ ur' umunyabyaha byinshi, Humura ye ! N' uw'ibambe ! I by' agushakaho nibike : N' ukwihan' ukamwizera. Wa munyabyaha we wihebye, Arakogesh' amaraso.

3. Umwana wera w'Uwiteka Yubamiy' i Getsemane, Baramubamb' ari tw' azira.
Nukw ati : Birarangiye ! Utegerej' iki se, kandi ? Ibyo ko biguhagije !

4. Dore, yazamutse mw ijuru,Atsinz' urupfu n'ibyaha ! Aratuvugira kuri Se,
Agaragaz' amaraso.Na S' akareb' izo nkovu ze, Nihanny' akambabarira.

5. Nukw abakijijwe na Yesu Tuzamusanganirayo ! Abo mw isi n'abo mw ijuru Ni ko kuririmba, tuti : Turagushimye ! Haleluya ! Ur' Umukiza n'Umwami !

Visit us at indirimbo.com